
# Munyemana, wari muganga i Butare, yakatiwe gufungwa imyaka 24 kubera jenoside

https://www.bbc.com/gahuza



AHAVUYE ISANAMU,GETTY IMAGES

Urukiko rw'i Paris mu Bufaransa rwakatiye Umunyarwanda Sosthène Munyemana gufungwa imyaka 24 kubera uruhare muri jenoside yabaye mu Rwanda mu 1994, nkuko bitangazwa n'ibiro ntaramakuru AFP.

Nyuma yo gusuzuma ingingo mu gihe cy'amasaha hafi 15 ku wa gatatu, urukiko rwanzuye ko Munyemana ahamwa na jenoside, ibyaha byibasiye inyokomuantu no kugira uruhare mu mugambi wo gutegura ibyo byaha.

Munyemana yari muganga w'indwara zo mu myanya myibarukiro y'abagore ku bitaro bya kaminuza (CHUB) i Butare mu majyepfo y'u Rwanda, mu gihe jenoside yo mu Rwanda yabaga mu 1994, yiciwemo abantu bagera ku 800,000.

Uyu w'imyaka 68, ukomoka i Gitarama, rwagati mu Rwanda, amaze imyaka 29 aba mu Bufaransa.

Urubanza rwe, rwamaze ibyumweru bitandatu, rwabaye nyuma y'ikirego kimushinja cyatanzwe mu 1995 mu mujyi wa Bordeaux mu majyepfo ashyira uburengerazuba bw'Ubufaransa.

Munyemana, utagaragaje imbamutima ubwo urukiko rwamukatiraga icyo gihano, yahise afatwa ajya gufungwa.

Abamwunganira mu mategeko bavuze ko bateganya kujurira, banenga icyo cyemezo cy'urukiko bavuga ko "kitakwihanganirwa". Bavuze ko ukwivuguruza kwinshi kwaranzwe mu buhamya gutuma "hariho ugushidikanya".

Umushinjacyaha yari yasabye urukiko ko Munyemana akatirwa igifungo cy'imyaka 30, avuga ko muri rusange amahitamo ye agaragaza "ibiranga umujenosideri".

## Urubanza rwa gatandatu

Mu byo Munyemana yaregwaga, harimo kwandika ibaruwa yo gushyigikira iyari guverinoma y'inzibacyuho yagiyeho mu Rwanda nyuma y'ihanurwa ku itariki ya 6 Mata (4) mu 1994 ry'indege yari itwaye uwari Perezida Juvénal Habyarimana.

Ihanurwa ry'iyo ndege ryabaye imbarutso ya jenoside.
Munyemana yarezwe ko iyo baruwa yashishikarizaga kwica Abatutsi.
Yanarezwe gufasha mu gushyiraho za bariyeri zo gutuma Abatutsi bakusanywa, no kubafungira mu nyubako y'ibiro ya leta i Butare mu buryo butari ubwa kimuntu, mbere yuko bicwa.
Mu rubanza, Munyemana yakomeje guhakana ibyo aregwa.
Yavuze ko yari Umuhutu w'ibitekerezo bitari iby'ubuhezanguni, wagerageje "kurokora" Abatutsi abaha "ubuhungiro" mu nyubako y'ibiro ya leta i Tumba, ubu ni mu karere ka Huye.

Mu gusoma umwanzuro w'urukiko, umucamanza yavuze ko Munyemana yari mu itsinda "ryateguye rikanayobora jenoside y'Abatutsi... buri munsi".
Urubanza rwa Munyemana rubaye urwa gatandatu rubaye mu Bufaransa kuri jenoside yabaye mu Rwanda.
Abandi bahamijwe ibyaha bya jenoside ni Pascal Simbikangwa wari umukuru w'ubutasi, Laurent Bucyibaruta wari perefe wa Gikongoro, babiri bahoze ari ba burugumesitiri (meya) Tito Barahira na Octavien Ngenzi, Philippe Hategekimana wari umujandarume na Claude Muhayimana wari umushoferi wa hoteli.